



RIMWE NTIRIZAGUKIZA AHUBWO RIZAKURIMBUZA



Byateguwe na:

INTEGUZA YA KRISTO

KANAMA 2020




**RIMWE
NTIRIZAGUKIZA
AHUBWO
RIZAKURIMBUZA**

INTEGUZA YA KRISTO

IBIRIMO

IBIRIMO	0
I RIMWE NTIRIZAGUKIZA AHUBWO RIZAKURIMBUZA	2
I.1 AMATEGEKO CUMI Y'IMANA	5
I.1.1 AMATEGEKO CUMI MBERE YA SINAYI:.....	5
I.1.2 AMATEGEKO CUMI KURI SINAYI. <i>Kuva 20 : 3- 17</i> 6	
I.1.3 AMATEGEKO CUMI NYUMA YA SINAYI (MU ISEZERANO RISHYA)	7
I.2 ICUMI UKUYEMO RIMWE BIHWANYE NA ZERO21	

I RIMWE NTIRIZAGUKIZA AHUBWO RIZAKURIMBUZA



Kugira ngo Leta y'igihugu ikomere kandi ikore neza ni uko igira amategeko ayyobora. Kugira ngo abantu babane neza mu mahoro ni uko habaho amategeko bagomba kubahiriza. Kugira ngo imodoka zigende mu muhanda neza nta mpanuka ni uko abashoferi bubahiriza amategeko abayobora mu muhanda. Ni ukuvuga ko amategeko ari yo azana gahunda mu bantu no mu bintu.

Yakubahirizwa, agashimangira amahoro n'umutekano, ahatari amategeko cyangwa aho atumvirwa, ibintu biradogera abantu bakamarana ibibi bigashinga intebe kuko nta mategeko abihana.

Niba abantu buntu b'abanyabyaha bakeneye amategeko hagati muri bo ngo abayobore, niyumvirwa ibibi bishire, birumvikana neza ko twe b'abanyabyaha duhamagarirwa kuva mu byaha dusanga Imana dukeneye biruseho amategeko atuyobora mu bitunganye by'Imana bitarangwa mo icyaha. Imana irakiranuka kandi abana bayo bakiriye agakiza by'ukuri bahamagarirwa kugendera mu nzira yo gukiranuka. Amategeko rero ni yo ahamya uko gukiranuka twifuza. **Abaroma 3 : 21.**

Uramutse ubanye n'umuntu mukajya muganira, noneho umunsi umwe ukamutumira ngo agusure iwawe musangire, yagera iwawe ku meza agasanga mu byo wamuteguriye harimo ibyo atarya. Mbese wakwemeza ko mugenzi wawe uwo wari umuzi koko? We ashobora kukumenya ariko wowe utaramumenya. Intumwa Yohana wabanye na Yesu amuzi neza yaravuze ati: uvuga ko azi Imana ntiyitondere amategeko yayo, uwo ni umubeshyi nta kuri kumurimo. **1Yohana 2: 3.** Ariya mategeko twavuze dutangira, ni ayo mu buryo

bw'abantu ariko abasenga Imana ni ab'umwuka kuko n'Imana ari umwuka. **Yohana 4: 24**. Ku bw'ibyo turi mu bubata bw'umwuka, kandi amategeko agomba kutuyobora ni ay'umwuka. **Abaroma 7: 6,14**. Kuba mu mwuka ntibidukura mu mategeko, ahubwo, turushishwaho kuyoborwa n'ayo y'umwuka.

Amategeko akwerekana icyaha noneho ukakireba **Abaroma 7: 7**, kuvuga ko utagendera mu mategeko ngo uyoborwe nayo si ukuvuga ko utakora icyaha, ahubwo uba uri mu cyaha; ariko kuko waretse uwagombye kukikwerekana ntubiyumvamo, ntibiguhaguraho icyaha rero, kandi ahatari umunyabyaha nta gakiza kaba gakenewe.

Amategeko yahawe abanyabyaha b'ibigande ngo nibibonaho ubwo ubi abereka biyambaze Yesu abashoboze kubicikaho bagaruke mu nzira yo gukiranuka. Ariko n'ubwo bimeze bityo sibo ayobora bonyine, ahubwo n'abakiranutsi nabo barangwa no kuyitondera **Itangiriro 26: 5**. Ni ingenzi cyane kugira ngo ubone ubugingo buhoraho. **Matayo 19: 17**. Na none kandi Yesu Kristo rugero rwacu umuziranenge wabaye kuri iyi si akiranuka, yarayitondeye. Arakurarikira nawe umwumva kuyitondera. **Yohana 15: 10**. Niyo mpamvu asuzumira urukundo umukunda ku buryo witondera amategeko ye ukayumvira. **Yohana 14:15,21**.

Ubusanzwe icyo wanduye, ukenera kwireba mu ndorerwamo ngo uhabone; wisukure ukoresheje amazi. Ni uko rero ntabwo uhanaguwe na ya ndorerwamo, ahubwo ni amazi. icyakora icyo utagira indorerwamo, ntiwari kwibonaho ya myanda ngo amazi agire icyo akumarira. Amategeko niyo ndorerwamo, amaraso ya Yesu ni amazi adusukura. Pawulo yabibonyeye mu **Bagalatya 3: 10** (b) ati: "Havumwe udahirimbana ibyanditswe mu mategeko." Kuko Yakobo na Salomo bavuze ko nureba mu mategeko ugapfa kwigendera gusa, gusenga kwawe kuzaba ari ikizira k'Uwiteka, kuko utamwumvira.

Yakobo 1: 22,24; Imigani 28: 9. Ni nayo mpamvu Yesu akomeza kubwira bamwe ko bamusengera ubusa, kuko baretse amategeko ye bwite bagahitamo ayo abantu bihinduriye. **Matayo 15: 3; 6:9**.

Guhamagarirwa kuyumvira si ukurarikirwa kuyashyira mo ibyiringiro byacu kuko siyo adukiza. **Abagalatiya 3: 10 (a)**. Duhananire kuyumvira tubishobowe na Yesu Kristo ariko twekuyiringira kuko atadukiza. Twe dukizwa n'ubuntu kubwo kwizera. None se duhinduze ubusa amategeko kwizera? Oya, ahubwo tuyakomeze. **Abaroma 3 : 31**.

Rubanda bafashe Mariya Magdalena yagomeye amategeko asambana, bamuzanira Yesu ngo ababwirre bamwicishe amabuye. Ariko kuko iyo turi muri Yesu adukiza urupfu rw'igihe twagomeye itegeko, yamugiriye ubuntu arabamukiza, abamushinjaga bose barahunga. Umugore amaze gukizwa ku bw'ubuntu bwa Kristo, nibwo yinjijye mu buyobozi bw'amategeko nk'uko Yesu yayamushyize imbere ati: " Genda tukongere gukora icyaha itegeko riba ritagiye kumuyobora". None natwe twakijijwe ngo tugendere mu mategeko si ukugira ngo tuyajugunye, kuko tutayarimo tuba tukiri mu bigande n'abagome batayoborwa nayo. icyakora Imana ishimwe kuko amaraso ya Yesu ariyo atweza igihe twacumuye tukamusanga.

- Amategeko y'Imana yerekana icyaha, amaraso ya Yesu akakikwezaho
- Amategeko y'Imana ni indorerwamo itwereka imyanda, amaraso ya Yesu ni agasabune n'amazi bitwezaho iyo myanda;
- Amategeko y'Imana asuzuma icyaha, amaraso ya Yesu akadukiza

Nk'uko Yesu ariwe waremye byose **Yohana 1:3, Abaheburayo 1:2, Abakolosayi 1:16**, ni nawe watanze amategeko ngo abantu bayakurikize. **Abagalatiya 3:19; 1Timoteyo 2:5**. Yesu uwo yahamijwe kuva kera ko yumvira amategeko, **Yesaya 42:21**, niwe wivugiyeye ko atazanywe no kuyakuraho nk'uko bamwe bamubeshyera ahubwo ngo yaje kuyakomeza. Arahira ijuru n'isi ko n'ubwo byo byavaho, amategeko yo atazahungukaho na rimwe. **Matayo 5: 17-18**. Ariko se ntabayoborwa n'ayoroheje gusa cyangwa ajyanye n'idini yabo, atari yose?



I.1 AMATEGEKO CUMI Y'IMANA

I.1.1 AMATEGEKO CUMI MBERE YA SINAYI:

- I. Ribuza kugira izindi mana. *Itangiriro 35 : 2-4 ; Yosuwa 24 : 2.*
- II. Ribuza gusenga ibishushanyo. *Itangiriro 31: 19-34; 35: 1-4.*
- III. Ribuza kuvugira ubusa izina ry'Imana uyisebya. *Kuva 5:2; Yobu 21 :14-15* (uzirikane ingaruka Farawo yagize n'igihe igitabo cya Yobu cyandikiwe)
- IV. Ridutegeka kweza umunsi wa karindwi w'Uwiteka. *Itangiriro 2: 1-3; Kuva 16: 22-29.*
- V. Ridutegeka kubaha ababyeyi . *Itangiriro 22: 8-9; 47: 30-31; 50:6.*
- VI. Ribuza kwica. *Itangiriro 4: 8.*
- VII. Ribuza gusambana. *Itangiriro 34: 12,31.*
- VIII. Ribuza kwiba. *Itangiriro 27 : 35 - 36; 44: 4-8.*
- IX. Ribuza kuvuga ibinyoma. *Itangiriro 27: 17-24*
- X. Ribuza kwifuza iby'abandi. *Itangiriro 3 : 6 ; 27 :5-10.*

I.1.2 AMATEGEKO CUMI KURI SINAYI. Kuva 20 : 3-17

- I. Ntukagire izindi mana mu maso yanjye.
- II. Ntukiremere igishushanyo kibajwe cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejuru mw'ijuru, cyangwa hasi ku butaka, cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka: ntukabyikubite imbere ntukabikorere kuko Uwiteka Imana yawe ndi Imana ifuha, mpora abana gukiranirwa kwa ba se nkageza ku buzukuruza n'ubuvivi bw'abanyanga, nkababarira abankunda bakitondera amategeko yanjye, nkageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi..
- III. Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe, kuko Uwiteka atazamubara nk'utacumuye, uvugira ubusa izina rye.
- IV. Wibuke kweza umunsi w'Isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose : ariko uwa karindwi ni wo Sabato y'Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uyikoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe, cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe, cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe, cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu: kuko iminsi itandatu ariyo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhuka ku wa karindwi ; ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'Isabato, akaweza.
- V. Wubahe so na nyoko kugira ngo uramire mu guhugu, Uwiteka Imana yawe iguha.
- VI. Ntukice
- VII. Ntugasambane
- VIII. Ntukibe.
- IX. Ntugashije ibinyoma mugenzi wawe.
- X. Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe, ntukifuze umugore wa mugenzi wawe, cyangwa umugaragu we, cyangwa umuja we, cyangwa inka ye, cyangwa indogobe ye cyangwa ikindi kintu cyose cya mugenzi wawe.

I.1.3 AMATEGEKO CUMI NYUMA YA SINAYI (MU ISEZERANO RISHYA)

- I. Ritubuza gusenga izindi mana . *Matayo 23:9; Ibyahishuwe 19:10; Ibyok 10:26.*
- II. Ritubuza gusenga ibishushanyo. *Ibyak 17: 16,29; Ibyah 21:8.*
- III. Ritubuza kuvugira ubusa izina ry'Imana . *Matayo 5:34, Yakobo 5: 12. Matayo: 15:9.*
- IV. Ridutegeka kweza umunsi wa karindwi w'Uwiteka. *Matayo 12; Luka 4: 16; Mariko 2: 27; Ibyak 13:44; 16:13.*
- V. Ridutegeka kubaha ababyeyi . *Abefeso 6: 1-2.*
- VI. Ritubuza kwica . *Matayo 5: 21-24, 1Yohana 3:15.*
- VII. Ritubuza gusambana. *Matayo 5: 27-32.*
- VIII. Ritubuza kwiba. *Matayo 15: 19.*
- IX. Ritubuza kuvuga ibinyoma : *Ibyah 21: 8; 22: 15; Matayo 15:19.*
- X. Ritubuza kwifuza iby'abandi. *Mariko 7:22.*

Twabonye amasomo menshi avuga ko intumwa zayakomezaga kuko zageraga ikirenga mu cya Kristo. None se wowe mwene Data, Imana yakubwiye ryari ko yivugurujye, hari rimwe cyangwa abiri muri yo yahindutse? Amategeko y'Imana yerekana imico yayo yuje urukundo ruturehereza kuva mu byaha. Ayo mategeko tuvuga ni ariya icumi yahozeho kuva kera mbere ya Sinayi. **Itangiriro 26:5; Kuva 16:26; Kuva 16: 4,23.**

Ku bw'igihe kirekire ubwoko bw'Imana bwari bumaze mu gipagani mu Egipta, Imana yongera kuyatangaza ku mugaragararo ku musozi wa Sinayi. **Kuva 20: 1-17.** Ayo uko ari icumi, ane ya mbere agaragaza urukundo dukunda Imana, n'aho atandatu aheruka agaragaza urukundo dukunda bagenzi bacu, nk'uko Yesu yasubije mu ncamake ababazaga ibyo bazi b'abafarisayo. **Matayo 22: 37-40.** None se wavuga ute ko wemera ingoma y'Imana kandi kuri wowe itagira amategeko?

Umwe we ngo amategeko yavuyeho yabambwe ku musaraba: Mugenzi ijamba ry'Imana riruzuzanya, isezerano rishya n'irya kera. Mbere y'umusaraba wa Kristo hari amategeko y'imihango (y'imigenzo n'ibitambo runaka). Byasuraga Kristo uzaza. Pawulo abivuga neza ko bene ayo yabambwe ku musaraba. **Abakolosayi 2:14; Abefeso 2: 15; Abaheburayo 9:10.** None se kuki witiranya amategeko icumi agenga ingoma y'Imana n'amategeko y'imihango yarangiriye ku musaraba.

Abandi bemeye ko akibayobora ntibayemera yose. Bati hari ayahindutse cyangwa ngo amwe muri ayo icumi yarangiriye ku musaraba. Nk'uko Imana ari urukundo kandi urukundo akaba ari ukwitondera amategeko yayo, birumvikana ko amategeko yayo ari imico yayo y'urukundo. **1Yohana 4:8; Yohana 14:15.** Niyo mpamvu uko ugerageza guhindura amategeko y'Imana uba ugerageza guhindura imico yayo ariyo Mana ubwayo kandi idahinduka. Ntibishoboka rero uko ni ukwigerezaho. **Zaburi 89:34; Malaki 3:6; Matayo 5:18.**

Duhaswe n'umwuka w'Imana, reka iby'amadini tubifashe hasi, tureke Bibiliya Ituyobore kuko ntawe idini rizajyana mu ijuru kandi imyizerere Inyuranye n'ibyo Bibiliya ivuga ni iyo kutuyobya.

Abantu benshi tugira ingorane mu mategeko yo kutumvira Irya kane ritwibutsa kuruhuka ku munsu wa karindwi w'Imana. Mbese hari igihamba cyo mu ijamba ry'Imana kikwerekana ko iryo tegeko ritakuyobora?

Abantu babiri bamanutse batwaye imodoka bombi berekeza ahanu hamwe. Bicumye gato uw'imbere ahura n'icyapa kivuga ngo "Birabujijwe kunyura aha". Yahumye amaso nk'utabibonye arayikomeza ku bw'inyungu yashakaga yo. Ageze imbere yarashwe n'abantu atazi, ibye birangirira aho. Uwari amukurikiye agisomye, aca iyo ku ruhande. Ariko kuko yari aciye iyo atashakaga imukerereza kubera ibyo agikeneye ; yagiye yirukanka nk'usiganwa. Kuva aho kugerayo yagombaga guca ku byapa icumi. Ageze imbere ahura n'icyapa kimusaba kwibuka kuruhuka ku gihe cyategetswe ku bwa vitesi nyinshi bahagendana. Abonye ko bimukerereza, ntiyacyitayeho ati icy'ingenzi n'ugukomeza urugendo. Mu gihe gitoya imodoka yaje guta umuhanda agira impanuka yamwambuye ubugingo bwe. Abo bombi bazize kwirengagiza ibyanditswe no kutabikurikiza byose. Wowe se hari icyo bikubwira muvandimwe ?

Impamvu gusengwa no guhimbazwa bigomba Uwituka uruta ibigirwamana, ni ukubera ko ari umuremyi wa byose akaba ari naho ububasha bwayo bwagaragariye kuva kera. **Zaburi 96 :5 ; Yesaya 40 : 25-26 ; 45 :18 ; Zaburi 100 :3 ; 95 :6.** Ni nayo mpamvu ibiremwa byo mu ijuru bimuramya. **Ibyahishuwe 4 :11.** Isabato y'umunsu wa karindwi ni urwibutso rw'irema, niyo itwibutsa ko Imana ari umuremyi twe turi ibiremwa. **Kuva 20 :11.**

Hari n'abandi bipfunyikira amazi batoranya itegeko rimwe mu yandi bakanyurwa naryo bibwira ko bishimisha Imana. Nduzi itegeko rya kane rivuga ko tugomba kweza Isabato y'Uwituka ryarabaye ibuye risitaza benshi, ariko nawe uryumvira ryonyine, uri mukaga k'i

Gehinomu. Niba **Yakobo 2:10** yaravuze ko uwica rimwe mu mategeko y'Imana aba yishe yose, wowe wirata Isabato gusa andi icyenda atakurangwamo, uzakirira he umujinya w'Imana? Maze ukanyurwa n'uko wihaharika wiyorobetse ku Isabato wigize marayika, kumvira Imana kose kukibera ku Isabato, mu yindi minsi nta gusenga, Imana ikakubura ikureba, mu buryarya wiba wisabambanira ku Isabato ngo urakiranuka. Kandi nawe umeze utyo ugatinyuka kuvuga abica rimwe, kandi mugana inzira imwe? Yesu akwita indyarya, kuko uminina umubu w'abandi Ingamiya yawe wayimize bunguri! Umva nawe:

- Niba usabwa kugenda ibirometero icumi ngo ugere i Kigali, wowe ukagenda ikirometero kimwe gusa, mbese uba ugezeyo. Maze ukishimira kwigumira aho ngo birahagije;
- Tuvuge ko ubana n'ubwandu bw'indwara yica, ukagira amahirwe ukabona umuti wo kunywa ibinini icumi birura cyane. Mbese unyoye kimwe gusa ukareka ibindi waba ukize?
- Nawe ukurikiwe n'intare ishaka kukurya, abagiraneza bari mu ndege bagashaka kugutabara bakoresheje umunyururu w'amapfundo cumi, wowe ugacaho rimwe ukarigumana mu ntoki ngo uryuririreho, wakwishimira ko wakize intare ugeze mu ndege?

Isuzume wowe unyuzwe no kweza Isabato gusa, ejo utazahurira mu irimbukiro n'uwo uburira wayigomeye kandi ayizi, kuko iryo rimwe ritazagukiza nawe rikamurimbuzza.

Umwe we ati: "Isabato yari iy'abayuda ntibindeba." Umva mugenzi si ijamba Isabato nkubwira kuko ryo mu ruheburayo risobanura ikiruhuko. Umunsi wowe wishakiye waruhutse imirimo yawe (konji) wawita Isabato. Njye rero ndakubwira ikiruhuko cyo ku munsi wa karindwi, wo ni umunsi w'Uwiteka. Ibyo, ubisabwa n'Uwiteka. Icyo kiruhuko cyatangiye abayuda batarabaho (nubwo bayibitirira) mu iherezo ry'icyumweru cyo kuremwa kw'isi. Uwo ni umunsi utandukanye n'iyindi, kuko waruhutsweho n'Imana, ikaweza ikawuha umugisha. Undi wakwitoranyiriza ukawuruhukaho wawita Isabato (ikiruhuko) ariko ntiwaba ari wa wundi wa karindwi w'Imana igutegeka, ntiwaba uyumviye rero. ***Itangiriro 2:1-3.***

Ubwoko bw'Imana bwavuye mu Egipta buzi iryo tegeko mu yandi, kandi atari yatangwa ku musozi wa Sinayi. **Kuva 16: 4,23**. Nk'uko kuva isi ikiremwa amategeko niyo yayoboraga abantu b'Imana yanditswe mu mitima yabo. **Itangiriro 26:5**. Nk'uko twabonye ko Yesu Kristo Umwami wacu ariwe waremye ijuru n'isi n'ibirimo byose agatanga n'amategeko, ni nawe witoranije uwo muni wa karindwi amaze kurema, awita uwe kuva mu itangiriro kugeza iteka ryose **Yesaya 58:13; Mariko 2:28; Ibyahishuwe 1:10**, nubwo bamwe bahindura ibyo yivugiye bakavuga ngo umuni w'Umwami ni ku cyumweru ariho ku wa mbere. Hari igihamba cy'ijambo ry'Imana ubona? Ni gute kandi ni ryari Yesu yaguhaye uburenganzira bwo guhindura itegeko rye (kandi avuga ko adahinduka) ukayitirira abayuda kandi ryarabayeho Adamu akiremwa bo batarabaho?

Yesu Kristo rugero rwacu yarayubahirije yigisha n'uko igomba kuzirizwa kuko abayuda b'abafarisayo bo bayigorekesheje uburyarya bwabo bayiremereza **Luka 4:16,31; Mariko 6:2; Luka 6:6; Mariko 2 :23-27; Luka 13 :10**, maze ku mutwe w'amagambo aboneka muri Matayo 12:1 ngo asobanura uburyo Isabato ikwiriye kuzirizwa ntabwo ari uko ikwiriye kurekwa. Amaze gutanga yayiruhukiye mu mva, n'abandi bariho baruhuka nk'uko bisanzwe bitegetswe. **Luka 23:54, 56**. Amaze kujya mu ijuru, intumwa zadusigiye ubutumwa dutwaye ubu, zakomeje kuyiruhukaho. **Ibyakozwe n'intumwa 13: 14,42,44; 16:13**. Ndagusaba ngo wicare winihire wibaze iby'iryo tegeko, kuko Imana yari yarabonye kera ko hazabaho guhindura amategeko yayo. **Daniyeli 7: 25**.

None se mwene data, umuni wa karindwi Imana yitoranirije, ikawutandukanya n'indi minsi ikawuruhukaho, ikaweza ikawuha umugisha, wowe ubona ute ko uhwanyeye n'iyindi? Imana ntiyaruhutse kuri uwo muni ari uko inaniwe; ahubwo iyo Sabato yabayeho kubw'umuntu (kuko umuntu ariho) **Mariko 2: 17**, ibyo birumvikana neza. Imana yashakaga kutwerekera kuko yari imaze gushyira isi mu maboko y'umuntu ngo ayikore (ayihinge) ntiyagombaga gukora nk'imashini itanga amashanyarazi, yagombaga kuruhuka kuri uwo muni wa karindwi akarushaho gusabana n'Imana ayibuka nk'umuremyi we. Uwo ni umuni wo kubonana n'Imana ku buryo

busesuye nta bindi twiriwe duhugiyemo **Abalewi 23:3**. Iryo tegeko ryera ryatangiranye n'iremwa ry'isi mu cyumweru cya mbere, ntaho rihuriye n'amategeko y'imihango yarangiye ku musaraba, kuko icyo yashushanyaga cyari gisohoye. Wibyitiranyarwose ngo uvange icyera n'ibyaje kubw'ibizira by'ibyaha by'abatuye iy'isi ngo uvuge ko nayo yarangiye ku musaraba.

Umuntu amaze gucumura, icyaha cyinjijye mu isi, ubwo nibwo hatangiye amategeko y'imihango (amwe y'ibitambo) nk'inshungu yo gucungura uwacumuye. Igitambo gihoraho cya Kristo rero nicyo cyabisimbuye, ibyo birangirira aho. None se umunsi wa karindwi Imana yatoranirije uhuriye he n'ibyo? Imana yaremye mu minsi itandatu, ku munsi wa karindwi iruhukana n'umuntu ngo asubize amaso inyuma amenyere ubushobozi bw'Imana kubyo yari yaremye. Icyo ni cyo satani yanze kuko ashaka isumbwe ku Mana ngo itamenyekana ko ari Umuremyi. Kuri uwo munsi wa karindwi twibuka Imana ko ari umuremyi uturema bundi bushya turi mu kiruhuko cye, satani ntashaka ko twongerwamo izo mbaraga uwo munsi zo kumurwanya. Yawukuyeho kuri bamwe ngo abavutse uwo mugisha w'uwo munsi awubasiburiza indi minsi y'imihimbano ngo abajijishe.

Ntabwo wakwitwa umutegetsu nyawe utagira (cachet) iranga ubuyobozi bwawe. Iyo cachet y'ubuyobozi iba ifite ibintu bitatu: Izina bwite ry'umutegetsu, umurimo akora n'aho awukorera. Akenshi izina ry'ubuyobozi ni ryo rivuga umurimo akora. Prezida, umunyanama (Conseiller).

Urugero : Bill Clinton Perezida wa Amerika

Uwiteka yaremye ijuru n'isi. Kuva 20 :11

Izina bwite	Umurimo akora	Aho awukorera
Bill Clinton	Perezida	Muri Amerika
Uwiteka	Umuremyi	Mu ijuru no mu isi

Ni ryo tegeko tubona ririmo cachet y'Imana umuremyi. Uko utahindura umunsi wavukiyeho ngo uwushyire ku w'undi munsi, ni ko utahindura umunsi Imana yatoranije mu yindi irangije kurema ngo ube isabukuru (aniversaire) yirema.

Ahari nawe uracyavuga ngo ibyo si ngombwa kuko utagomba kunshira urubanza kuby'amasabato. **Abakolosayi 2:16**. Ibyo niko byari biri, kuko nk'uko twabibonye, Isabato ni ururimi rw'igiheburayo bishaka kuvuga ikiruhuko. Tuvuge ko ubuyobozi bufashe umunsi umwe wa konji abakozi bagahagarika imirimo yabo bakaruhuka, uwo munsi wakwitwa Isabato y'ubwo buyobozi buyishyizeho. No mu gihe cy'abayuda iminsi mikuru y'Uwiteka yose y'amategeko y'imihango yasuraga igitambo gishyitse cy'iteka ryose cya Kristo, yitwaga amasabato kuko ntacyo bakoraga kuri iyo minsi nk'uko bayavugaga mu **Abalewi 16:31; 25: 4; Gutegeka kwa kabiri 16:9, Ingoma 23:31**.

Imwe muri iyo ni iyi: Abalewi 23:

1. Umunsi wa mbere w'imitsima idasembuye (umurongo 5-7)
2. Umunsi uheruka w'imitsima idasembuye (umurongo wa 8);
3. Umunsi wa pentekote (umurongo wa 9-21);
4. Umunsi w'amakondera (umurongo wa 9-21);
5. Umunsi w'impongano (umurongo wa 26-32);
6. Umunsi wa karindwi w'ingando (umurongo wa 33);
7. Umunsi ukurikira uheruka w'ingando (umurongo wa 36)

Ayo masabato yari igicucu cy'ibizaba kandi umubiri wabyo ufitwe na Kristo **Abakolosayi 2 : 17**, icyo yasuraga cyararangiyeye rero. Kubera ko ubutumwa bwa Kristo n'intumwa ze bwakerenshejwe cyane na besnhi b'abayuda bari bacyihambiriye ku mihango batemera ko urupfu rwa Kristo rwayisoje, bari bakirwana n'ayo masabato, ari nako bayita mu **Abalewi 23:32,38**. Izo nizo mpaka Pawulo yahoshaga zari mu **Abaroma 14:5,6**, bapfa iyo minsi bari bakiziririza. Uwari ugikomeje iyo minsi (ayo masabato) atarasobanukirwa, bagombaga kumwakira, kuko yabikoraga ku bw'umwami nk'uko ariko yagiyeho, be kumucira urubanza ahubwo bamufashe ; umaze

gusobanukirwa ko iby'ayo masabato byarangiriye ku musaraba akaba akomeje umunsi umwe ariwo twabonye intumwa zaruhukagaho zigakora n'amateraniro yo kwigisha, nawe ni kubw'umwami. Nuko rero, kudasobanukirwa kw'abo, kwe kudutera kugomera Imana. None se wowe, iyo sabato yawe uruhukaho ni imwe muri ariya masabato y'imihango yarangiriye ku musaraba ngo utange urwitwazo rutemewe nk'umwe mu baroma n'abakolosayi. // **Petero 3: 15-17.**

Ngo Isabato y'umunsi wa karindwi ni ikimenyesto cyera cyibutsa ko Imana ari umuremyi. **Kuva 31:17.** icyo gihe Imana yabwiraga abisirayeli kuko aribo bwoko bwayo bwari butwaye amategeko, bushinzwe kwereza Imana abanyamahanga bakayibamenyeraho nabo, bakayubahiriza. Si ukuvuga ko yari iyabo gusa kuko Isabato yahawe umuntu isi ikimara kuremwa. Kandi twese turi bene muntu bahawe Isabato. Kandi nyuma yuko Yesu adupfira, intumwa zahatiwe kugeza ubutumwa muri twebwe bari abanyamahanga. Ushatse kuvuga ko Isabato y'Uwiteka itakureba wagombye no kwanga andi icyenda kuko nta mpamvu yo kuyatoranyamo, ukabarwa nka ba banyamahanga ba kera b'abanyabyaha batayoborwaga n'amategeko. Uretse ko bitazayabuza kugucira urubanza k'umunsi w'amateka. **Yakobo 2: 12; Umubwiriza 12:13-14.**

Kuki amategeko yandi yose uyemera (ntukice, ntukibe.....) wakumva Isabato ukabona kuvuga ko udakizwa n'amategeko? Niba wanze Isabato wanze n'ayandi yose **Yakobo 2:11**, kuko uwatanze ayo yandi ariwe watanze n'Isabato. **Yakobo 2:11.** Mbese ko uyanga yose ari uko bakubwiye Isabato, iyitirirwa yose?

Wowe urumva utahindura Isabato y'Uwiteka y'umunsi wa karindwi, ikibazo uhura nacyo n'icyo kubara iminsi, kuko wenda waba uruhuka ku cyumweru ariho ku wa mbere uwita ku wa karindwi: Ijambo icyumweru, ntirivugwa muri Bibiliya

z'umwimerere kuko ryari ritarabaho. Ahubwo mu mwanya waryo, bakoresheje umunsi wa mbere. Ariko kugira ngo iby'abantu badasobanukiwe by'iminsi byumvikane, muri Bibiliya ntagatifu **Yohana 20:1** ahagana hasi; muri Bibiliya y'isezerano rishya ku muntu wese utu dutoya, ku iherezo rya buri vanjiri aho bavuga izuka rya Yesu, mu gatabo k'abagatolika " Wowe nkurikira n° 11 page 21 aho bavuga ku munsi w'Imana, aho hose bavuga ko ku cyumweru ari ku wa mbere. Urebye ubusobanuro bwa dimanche muri Encyclopédies za kera atari izubu zahinduwe n'abanyamadini, bakubwira ko ari ku munsi wa mbere.

Abadage muri karindari yabo barabigusobanurira. Dore uko iminsi bayita uhereye ku cyumweru: Sonntag, Montag, Dienstag, Mittwoch, Donnerstag, Freitag, Samstag. Mu rurimi rwabo mitt bisobanura hagati, woch bigasobanura icyumweru (semaine) Mittwoch ariyo mercredi y'abafaransa twe twibeshya ko ari ku wa gatatu, bawita umunsi wo hagati mu cyumweru. Icyumweru gifite iminsi irindwi gusa kugira ngo Mittwoch (mercredi) nk'uko ivuga ibe hagati mu cyumweru ni uko imbere yawo haba minsi itatu n'inyuma iminsi itatu hamwe nawo ikaba iminsi irindwi y'icyumweru. Dimanche (sonntag) ubaye uwa 7, ntabwo mercredi yaba Mittwoch (uwo hagati mu cyumweru) kuko imbere hajya iminsi 2 (lundi, mardi) inyuma yaho hakajya iminsi 4 (jeudi, vendredi, samedi, dimanche). Keretse abadage bahinduye karindari yabo basigiwe n'abakurambere babo. Ku bw'ibyo, dimanche, igomba kuba uwa mbere kugira ngo Mittwoch ube uwa kane wo hagati nyine. Ngiyo gahunda yatangiye isi ikiremwa ikwiye gukomezwa. Uwa mbere (dimanche), uwa kabiri (lundi); uwa gatatu (mardi), uwa kane (mercredi), uwa gatanu (jeudi), uwa gatandatu (vendredi), uwa karindwi (samedi). Nanone kandi mu ijambo ry'Imana batubwira aho dukwiriye guhera tubara iminsi Abalewi 23: 15, ngo umunsi wa mbere ni ukurikira Isabato.

Ahari ushobora kwibwira ko ririya hindurwa rya karindari ryabaye mu 1582 ryaba ryakoze ku minsi, reka da! Dore uko bikoze: hari (**Jeudi**) ku wa gatanu ku itariki ya **4 z'ukwezi kwa**

10 (Ukwakira) mu 1582 Papa Gregori wa 13 akuramo iminsi 10 ni uko bukeye bwaho (Vendredi) ku wa gatandatu haba tariki ya 15/10/1582, iminsi yo ikomeza kuba ya yindi.

Ukwakira 1582

Dlmanche	Lundi	Mardi	Mercredi	Jeudi	Vendredi	Samedi
	1	2	3	4	15	16
17	18	19	20	21	22	23
24	25	26	27	28	29	30
31						

Uko iminsi yakurikiranaga mummyaka 40 ya mbere ya Krito ku isi no mu gihe cye, niko n'ubu ikiri ntacyahindutse. Uwo muni wa mbere (*icyumweru*) uruhukaho rero bawuvug muri Bibiliya inshuro umunani, ariko ntuvugwa nk'umunsi w'ikiruhuko w'Uwiteka. **Matayo 28:1; Mariko 16:2,9; Luka 21:1; Yohana 20:1,19; Ibyakozwe n'intumwa 20:7,1; Abakorinto 16:2.** Hari inzitwazo ebyeri zikunze gutangwa ahari n'abadasobanukiwe neza ibyanditswe byera kuko abasobanukiwe b'abayobozi b'idini Gatolika bo biyemerera uko babihinduye (turabibona imbere) **1Yohana 20:19**, ngo abigishwa bateraniye kwizihiza izuka rya Yesu ku wa mbere. Ibyo siko biri rwose. Soma nawe urasanga abigishwa bari bateraniye mu nzu inzugi zikinze kuko batinyaga abayuda. Ntabwo batubwira ko bateraniye kwizihiza ko Yesu yazutse nk'uko bamwe babyibwira ahubwo ni ku bw'ubwoba, kuko bari bihishe. Si uko yari yazutse kandi kuko bose batari bamenye ko yazutse koko, nka Tomasi wemeye ko yazutse ari uko abonye za nkovu ze.

Ubundi kandi ntabwo kuriya guterana kwabo kwari ku wa mbere, ahubwo ni ku wa kabiri. Keretse niba wowe utemeranya n'ijambo ry'Imana ko umunsi utangira bugorobye ukarangira bugorobye. **Itangiriro 1: 5,8,12; Abalewi 23:32.** Igice kibanza cy'umunsi ni umugoroba, igiheruka ni amanywa, umunsi ukaba urangiye. Si nk'ubu bavuga ngo umunsi utangira saa sita z'ijoro; ibyo ntabwo Bibiliya

ibyemera. Siko Bibiliya ibyigisha keretse niba uri umwe mu barwanya gahunda y'Imana bahanuwe muri **Daniyeli 7:25**.

Ibyakozwe n'Intumwa 20:7 ngo bateranira kumanyagura umutsima. Imitsima bayimanyaguraga iminsi yose, si kuri uwo muni wa mbere gusa babikoze **Ibyakozwe n'Intumwa 2: 46**, na none kandi Luka yashakaga kutubwira ibya Utuko wazuwe na Pawulo si ukweza umuni wa mbere nk'umuni wa Nyagasani.

Abaheburayo 4: 1-11 Uburuhukiro: Uburuhukiro buvugwa aha nk'ubwo Imana yaruhutse irangije gutunganya isi, niko yateguye kuruhukana nawe imaze kugutunganya ni ukuvuga kukurema bundi bushya. Imana yari yarasezeranye uburuhukiro muri Kanani nziza yo mu isi, baramutse bayumviye **Kuva 33:14; Gutegeka kwa kabiri 12: 8-10; Yosua 1: 10,11,13; Gutegeka kwa kabili 28:19,65-67**, ubwo buruhukiro bagombaga kubugirira ahantu (kanani) barangije kurimbura abanzi babo bose bari bahari, ubundi bakibanira n'Imana mu mudendezo. Ubwo buruhukiro kandi, babusezeranijwe bakiruhuka ku Isabato y'umuni wa karindwi, kuko ntaho ihuriye n'ubu buvugwa aha. Babwirwaga kandi ko nibabugeramo bazakomeza kuza gusenga ku muni w'Isabato. **Yesaya 66:23**.

Ku murongo wa 10: nk'uko twabibonye mu masomo amaze gutangwa haruguru no muri Zaburi 38:3b, Zaburi 94:12-13 bakanabivuga ko kutumvira kubuza umuntu kwinjira mu buruhukiro, imirimo ivugwa aha, si imirimo igaragara y'amaboko(guhinga ...) dukwiriye kureka, ahubwo n'imirimo ya kamere mbi y'ibyaha wishingikiriza ku mihango ngo ugaragare ko uri umukiranutsi kandi umutima utarahindutse, kubwo kwigengesera ngo udacumura ku mategeko Yesu ati " Munsange ndabaruhura" **Matayo 11:28** uwakiriye Yesu areka kugendera muri ya mirimo ya kamere mbi ahubwo akinjira mu buruhukiro (ayiruhutse). Muri ubwo buruhukiro, asangamo ko agomba kugenda nk'uko Yesu yagendaga, akubahiriza Isabato nk'uko Yesu yayubahirije. **Matayo 12:1**.

Bibaye nk'ibyo utekereza, Pawulo wahamije mu **Abagalatiya 2:20** ko ari muri Yesu (mu buruhukiro) ntiyakwirirwa yabahiriza Isabato nk'uko twabibonye inyuma, kuko kwibera muri Yesu byari kuba bimuhagije. Undi muni uvugwa, ni uyu muni nonaha wumvise ijwi ry'Imana, si uwa mbere w'icyumweru kuko ibyo nta gihamba cya Bibiliya twabona. Ku murongo wa 9: mu rugiriki bakoresheje ijambo **SABBATISMOS; UBURUHUKIRO** si umunsi wa karindwi w'undi. Wibuke ubusobanuro bw'ijambo Isabato. Iyo bavuze uburuhukiro tugomba, ni uko haba hari icyapfuye nk'uko bisanzwe. Ni uko rero kugira ngo; twinjire muri ubu buruhukiro tugomba gupfa kuri kamere mbi. Tureke kwitiranya ibintu kandi byumvikana.

Kubw'impamvu zimwe na zimwe zitangwa ariko zitemewe na Bibiliya, bamwe bavuga ko ku cyumweru ariho ku muni wa mbere, ari umunsi wa Nyagasani: ibyo bavuga ntibyemewe n'ijambo ry'Imana. Imana yivugiye umunsi wayo uwo ariwo nk'uko tubisoma muri Bibiliya **Kuva 20:9, Yesaya 58:13; Mariko2:28; Ibyahishuwe1:10**, umunsi wa Nyagasani ni uwa karindwi ari uwo w'Isabato y'Imana. Ahubwo dimanche ni umunsi abapagani ba kera basengagaho ikigirwamana cy'izuba nk'uko uvugwa Sunday cyangwa se Sonntag: umunsi w'izuba. **Waba ushaka ko ari umunsi w'uwuhe nyagasani wawe?** Imana izi byose, imenyera iherezo mu itangiriro yari yarabonye ko hari abazagerageza guhindura amategeko yayo. **Daniyeli 7: 25, Daniyeli 7: 8;7:21**. Abo bavugwa ni ubutegetsi bw'ubupapa. Mu gihe cya Roma ya gikristo, **Papa Léon XIII** yavuze ko afite umwanya w'Imana ku isi, ngo ibyo bimuha ububasha bwo kubabarira ibyaha. Byakuwe muri **lettres encycliques du pape Léon XXIII p. 304 na encyclopédie catholique vol. XII art "Pape" p.265**.

Muri aya magambo akurikira abayobozi bakuru b'idini Gatorika, baribaza bakanasubiza basobanura uko bahinduye umunsi w'Imana. Ni ubuhamya bwakuwe mu bitabo byabo bikurikira:

IBIBAZO N'IBISUBIZO	IGISUBIZO N'AHU BYAVUYE
Ikibazo	Umunsi w'Isabato ni uwuhe?
Igisubizo	Samedi niwo munsi w'Isabato
Ikibazo	Kuki twubahiriza umunsi w'icyumweru mu mwanya w'Isabato?
Igisubizo :	"Twubahiriza umunsi w'icyumweru mu mwanya w'Isabato, kuko mu nama yabereye i Lawodokiya muri 336 (nyuma ya Kristo) itorero Gatorika ryimuriye kwera kw'Isabato riwushyira ku cyumweru" Byakuwe mu Rev. Peter Gaieman C.S.S.R, <i>le cathéchisme des doctrines catholiques pour les convertis. P 50 2^{ème} Ed 1910.</i>
Ikibazo :	Mwatwerekaga gute ko itorero rifite ububasha bwo gushyiraho iminsi mikuru n'iyeyejwe?
Igisubizo :	Ni mugikorwa cyo gufata ikiruhuko cyo ku Isabato tukagishyira ku cyumweru abaporotesitanti bemera ariko bakaba bivuguruza igihe bacyemeye kandi batubahiriza andi mategeko y'iminsi mikuru yashyizweho n'itorero gaturika.
Ikibazo:	Ibyo bigaragara bite?
Igisubizo:	Iyo abaporotesitanti bubahirije icyumweru, baba bemeye ko itorero gaturika rifite ububasha bwo gushyiraho iminsi mikuru no kuyemeza. Iyo batubahirije indi minsi mikuru iryo torero ryashyizweho baba bahakana ubwo bubasha". Byakuwe mu Rev. Henry Tuberville, DDRC, <i>un abrégé de la doctrine chrétienne, p. 58; New York, Edward Dunigan and brother, Approve 1833.</i>

Umuprotestantl cyangwa abasenga bose ku cyumweru basubiza iki kibazo bate?

“Murambwira ko umunsi wa karindwi wari Isabato y’abayuda, ko Isabato y’abakiristo yashyizwe ku cyumweru ariko se byakozwe na nde? Ninde ufite ubushobozi bwo guhindura itegeko ry’umvikana ry’Imana ishobora byose? Niba Imana yaravuze ngo uzeze umunsi wa karindwi, ninde ushobora guhakana maze akigira mu mirimo Iyo ariyo yose ku munsi wa karindwi ngo agomba gukomeza no kweza umunsi wa mbere mu cyimbo cy’uwa karindwi? Sinzi uko mushobora gusubiza icyo kibazo gikomeye”.

Mwebwe muri abaporotesitanti, muvuga ko muyoborwa na Bibiliya yonyine, ariko ku kibazo gikomeye cyo kubahiriza umunsi umwe muri irindwi nk’umunsi wera, ntimukurikiza inyandiko ya Bibiliya. Ibyo bituma mwubahiriza umunsi Imana itemera. Itegeko risaba kubahiriza umunsi wa karindwi ni rimwe mu mategeko cumi, mwizera ko ayandi icyenda agifite ububasha, ninde wabahaye uburenganzira bwo gushyira ku ruhande irya kane? Niba mwemera Bibiliya yonyine, mugomba kwerekana mu isezerano rishya aho bavuga ko itegeko rya kane ryavuyeho. Byakuwe muri *Librairie de la doctrine chrétienne : Pourquoi n’observez-vous pas le sabbat ? p.P 3,4 Londres. Burns and Oats (RC).*

Nta jambo na rimwe mu isezerano rishya ribuzwa gukora ku cyumweru. Nta tegeko rivuye mu ijuru ririho rivuga ikiruhuko ku cyumweru. Kubahiriza umunsi w’icyumweru ni kimwe no kubahiriza uwa kane ngo ni uwera “*Canon Eyton*” (*Eglise d’Angleterre*), *les dix commandements p.p 62,65. Londres : Truber et Co., 1894.* Nuko rero umenye ko icyumweru ari umunsi w’abagatolika bishyiriyeho. Wowe mwene data uruhuka ku cyumweru umunsi wejejwe n’abantu, witegure uko uzasubiza uzakubaza impamvu wahinduye umunsi we nk’itegeko. Wibuke ko Yesu nyirayo yavuze muri Matayo 5:18 ko nta tegeko ryavaho, kuko mu Abaroma 7:12 ngo itegeko ryose ni iryera. Kubw’ibyo Yakobo 2: 10 ati: Uwishe rimwe aba yishe yose, kuko aba ahwanyeye n’usambana cyangwa uwicana.

I.2 ICUMI UKUYEMO RIMWE BIHWANYE NA ZERO

Iyo ari amacunga, ibijumba n'ibindi, ubusanzwe icumi ukuyemo rimwe bihwanye n'icyenda. Ariko mu mategeko y'Imana $10 - 1 = 0$; Uti gute?

Urugero:

1. Tuvuge ko imodoka ipfuye turimo kuzamuka umusozi. Tuvuge kandi ko haje umushoferi w'umunyampuhwe wiyemeje kudukuruza umunyururu ufite amapfundo icumi. Bizagenda bite ipfundo rimwe nirihambuka? Tuzirikanye igisubizo n'ingaruka, ni nk'aho amapfundo asigaye atariho.
2. Reka tuvuge kandi ko duhanganye n'imbwa y'ikazi ishaka kuturuma ariko ikaba iziritse ku munyururu ufite amapfundo icumi... Ni amapfundo angaha agomba gucika ngo ugaragaze ko uri umwirutsi kabuhariwe?
3. Reka tuvuge ko umanitse muni yawe hari urwobo. Umanitse kandi ku munyururu ufite amapfundo icumi. Mpageze ngashaka gukuramo ipfundo rimwe gusa wahita uvuga iki? Wavuga uti oya, uramenye wo kagira Imana we. Nkakubwira nti ntacyo bitwaye, harasigara amapfundo icyenda, **rimwe gusa ribuze wahita ugwa muri urwo rwobo.**

Imyifatire yacu ku mategeko y'Imana, Bibiliya ntiyitaho ishingiyeye kuburyo bw'imibare, ahubwo ishingira kungaruka zizabaho hanyuma. Yakobo 2 :10-12. Muri iki gihe abantu bashaka gukungahara bitabagoye. Bene uwo mwuka wokamye itorero ryo muri iki gihe. Benshi bashaka idini riboroheye, ridohora, ritihambira ku nshingano yaryo, ritumvira amategeko y'Imana yose. Nyamara ntanzira nimwe igana mu ijuru yoroshye. Umugore yarebaga umukino wa tenesi, agira inama abakinnyi gukuraho urushundura kuko yibwiraga ko ruibabangamira kubera ko buri gihe umupira warwikubitagaho. Ari kose uwo mukino utagira urushundura waba ari mukino ki?

Umubwiriza umwe yaravuze ati: “Narabohowe singikurikiza amategeko y’Imana, kubera ko yakuweho ku musaraba”. Yemwe, umuntu nk’uwo jye namwirinda kuko kuri we kwica, kwiba atari icyaha. Sinabura no kumurinda umugore wanjye, kuko kuri we itegeko ribuzanya gusambana ridafite agaciro. Ndavuga nicishije bugufi kandi nta gusebanya, ko idini iryo ari ryo ryose ridakurikiza amategeko y’Imana yose ari idini rirwanya Imana. Yesu ntiyapfiriye ngo tubone uburenganzira bwo gukora ibyaha. Wowe udakurikiza amategeko icumi Yohana yandushije ubutwari agira icyo akubwira. **1 Yohana 2:4. ngo “uvuga ko amuzi, ntiyitondere amategeko ye, ni umubeshyi”**

Ese wowe mwene data ukomeza kubwirwa ukuri ntubwiteho ngo ntuzakomeza gucaracara ujya impaka ku byanditswe ngo ibyo wamenye birahagije, Wibagiwe ko ab’ **I Belaya** bashimiwe ko bahoraga bacukumbura mu byanditswe ngo barebe niba ibyo babwiwe ko ari ukuri? **Ibyak. 17:11** Wibagiwe se impaka za Pawulo n’abayuda? None se mukristo ko uri umugenzi washoje urugendo wageze imuhira? Ko uri umusirikare se wamaze kunesha ibitero by’umwanzi byose? Ibitero birakomeje dore n’icyumweru (umunsi w’ikiruhuko cy’igihimbano) cyagufashe mpiri. Ko wakimenye se, nutarwana inkundura ntikizakurumbuza ubyita ibikino.

Ikibazo cy’itegeko ry’Isabato y’umunsi wa karindwi y’Imana kirakomeye cyane, kuko kigiye kuba ibuye risitaza benshi vuba aha. Tugomba gufata umwanzuro kuri cyo, mbere y’uko itegeko ryo kuruhuka ku cyumweru rigiye guhatirwa buri wese, akarengane kahanuwe kakagaruka. Yohana yabonye uko ubwoko bw’Imana buzaba bumerewe mbere y’uko Yesu aza. **Ibyahishuwe 14:12.**

- Iyaba Mose ariho yavuga iki? ***Abaheburayo 11: 25 – 27***
- Iyaba Eliya ariho yakora iki? ***I Abami 18 : 21***
- Iyaba Salomoni ariho yavuga iki? ***Imigani 28 : 9***
- Yesu yari gukora iki? ***Yohana 15:10; 8:29; 13:25 ; Matayo 16 :25***
- Iyo Pawulo ahaba yari kuvuga iki? ***Abaroma 6: 16***
- Iyaba Petero ariho yavuga iki? ***Ibyakozwe n'intumwa 4: 19 ; 5:29***
- Iyaba Yohana ariho yavuga iki? ***Ibyahishuwe 22 : 14***
- Wowe uravuga iki? ***Yosuwa 24:15; Zaburi 119: 104. Uwiteka imana rurema iduhe umugisha muri Kristo Yesu.***

Byateguwe :
INTEGUZA YA KRISTO
+250 788612295

KIGALI – RWANDA

I
Thou shalt have no other
gods before me.

II
Thou shalt not make unto thee any
graven image.

III
Thou shalt not take the name of
the LORD thy God in vain.

IV
Remember the sabbath day to
keep it holy. For in six days
the LORD made heaven and
earth, the sea, and all that in
them is, and rested the
seventh day. Wherefore the
LORD blessed the sabbath
day, and hallowed it.

V
Honour thy father and thy mother.

VI
Thou shalt not kill.

VII
Thou shalt not commit adultery.

VIII
Thou shalt not steal.

IX
Thou shalt not bear false witness
against thy neighbor.

X
Thou shalt not covet anything that is
thy neighbor's.

INTEGUZA YA KRISTO